**CABINET D'HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL**
*Me. KWIZERA Darius*
*IFASI Y' INKIKO ZOSE MU RWANDA*
**Tél : +250-788-690-256**

**E-mail: kwizeradarius@yahoo.fr/dariuskwizera77@gmail.com**


**INYANDIKO ISABA UGOMBA KWISHYURA KUGARAGAZA UMUTUNGO UGOMBA GUFATIRWA**

Umwaka wa 2023 ukwezi kwa 5 umunsi wa 18;

Mbisabwe na NIYONZIMA Phocas;

Jyewe, Me KWIZERA Darius, umuhesha w'inkiko w'umwuga;

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha y' urubanza - RC 00079/2021/TGI/MUS rwo kuwa 25/01/2023; RC 0024/16/TGI/MUS rwo kuwa 14/10/2016 na RCA 00045/2017/HC/MUS rwo kuwa 19/04/2018.

Nshingiye ku Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo ya 218;

Nsabye Bwana/Madamu **BARICHO ASHAMATH LATIFA** na **ABDULAZIZ MINOH** kungaragariza mu nyandiko umutungo wawe, aho uri hose, uko uteye n'uko ungana, no kugaragaza muri wo ukwiye guherwaho mu kwishyura amafaranga miriyoni ijana na cumi n' esheshatu n' ibihumbi magana ane na mirongo itanu (**116.450.000frw**) hiyongereho **5.822.500frw** y' igihembo cy' umuhesha w' inkiko w' umwuga;

Ndakwibutsa kandi ko kutagaragaza umutungo wawe mu minsi 15 ukimara kubona ubu busabe, Nzafatira umutungo uwo ariwo wose wawe kandi mu gihe cya cyamunara, nzagurisha mpereye kuwo mbonye;

**Nkwibukije ko ugomba kumpa E-mail yawe yo muri IECMS kugira ngo uhuzwe nayo maze ujye ukurikirana uko urubanza rurangizwa.**

**NB : Ndabamenyesha kandi ko nyuma y' iminsi 15, ni muba mutaragira icyo mukora mubyo mwasabwe, nzahita nkora INYANDIKO YEREKERANYE N' IFATIRA BWISHYU nyuma nkurikizeho IGENAGACIRO ndetse hazakorwe n' ITANGAZO RYA CYAMUNARA by' umutungo ufite UPI 4/03/08/02/1345 .**

Bikorewe i Musanze kuwa: 2023, 05, 18

Me KWIZERA Darius
Umuhesha w' inkiko w' umwuga.

Me KWIZERA Darius
TEL:0788690256
0781043130
Professional Bailiff of Justice

**ABASABWE:**
-BARICHO ASHAMATH LATIFA
- ABDULAZIZ MINOH

BINYUJIJWE :
Umunyamabanganshingwa bikorwa w' akagari ka KIGOMBE